>Banyarwanda mwese muli mu Buholandi,
>
>Mutumiwe mwese mu MYIGARAGAMBYO izabera i DEN HAAG kuwa kane
>04/04/2002.
>
>
>==========.
>
>Iyo myigaragambyo igamije:
>
>1.Gusaba Procureur w'urukiko mpuzamahanga ko atakomeza kuvangura mu
>gukulikirana abakekwaho kuba baragize uruhare mu bwicanyi bwakorewe
>kandi bugikorerwa abanyarwanda;ko abakekwaho ubwicanyi bo muli
>FPR/APR bagomba gufatwa bagashyikilizwa urukiko rw'ARUSHA.
>Tuzanamubaza aho ibirego twamugejejeho mu myaka ishize bigeze.
>
>2.Kubwira abategetsi b'u Buholandi ko twamagana politiki yabo yo
>gushyigikira ubutegetsi bw'i Kigali kandi buheza benshi mu
>Banyarwanda.
>
>3.Kubwira abategetsi b'u Buholandi ko nta mahoro nyakuli ali mu
>Rwanda mu gihe abaturage bamwe basa n'aho badafite
>agaciro,uburenganzira bw'ikiremwa-muntu bukaba butubahilizwa
>bihagije; tuzabasaba rero ko IMPUNZI Z'ABANYARWANDA ZARUSHAHO
>KWAKIRWA HANO MU BUHOLANDI kuko baramutse hali abo basubije mu
>Rwanda,abenshi bafungirwa ubusa,bamwe bakicwa,abasigaye nabo
>bakababaho mu gasuzuguro gakabije.
>
>4.Kwibuka abanyarwanda batagira ingano bapfuye bazira akarengane
>kuva intambara yashojwe na FPR yatangira taliki ya 01 /10/1990
>kugeza ubu.
>
> Munyarwanda aho uli hose hano mu
>Buholandi ,ababyeyi,abasore n'inkumi,abana ;waba warabonye
>ibyangombwa waba utarabibona TURAGUTUMIYE,UZAZE TUJYE KUVUGIRA
>KU MUGARAGARO BILIYA BIBAZO N'IBYIFUZO BYACU.
>Ntihazagire ubura ntihazagire uvuga ngo abandi barahamubereye.
>UFITE AKAZI ,UFITE ISHULI, UGOMBA "GUSTAMPA" TWESE TWESE TUZASABA
>IMPUSHYA kandi tuzazihabwa.
>Ntitugomba kurambirwa cyangwa ngo ducike intege,mumenyeko alitwe
>tuzatuma amaherezo ukuli kumenyekana.NTIHAZAGIRE UBURA RERO N'ABANA
>MUZABAZANE.
>
>
>Tuzahulira kuli gare ya DEN HAAG-Centraal kuli uwo wa kane
>04/04/2002 SAA SITA .
>
>
>
>
>Abahagarariye amashyirahamwe akulikira:
>
>ARERWA ; A.R.G.R.Z ; CODAC;
>DUSABANE N.G. ;FDLR/NL ;Fraternité au carrefour; JP2R
>PRO JUSTITIA ;RDR/NL ; SOCKA; URAHO.